Ni gute wagaragaza ko utishimiye icyemezo Minisiteri y'umurimo n'inganda yafashe ku kirego cyawe



Kugaragaza ibyo utishimiye ni iki?

Kugaragaza ibyo utishimiye ni ibaruwa ivuga ko utemera icyemezo ku kirego cyawe cyerekeye guhemba abakozi. Ibyo utishimiye bigomba kwakirwa mu minsi 60 umaze kwakira icyemezo.

Ibyo utishimiye bigomba kuba bikubiyemo:

- Izina ryawe na nomero y'ikirego cyawe.
- Itariki icyemezo cya minisiteri cyafatiweho.
- Impamvu utemera icyemezo kongeraho na raporo z'utanga serivisi cyangwa andi makuru utekereza ko agaragaza ko icyemezo cyafashwe atari cyo.

Ni he nshobora kohereza ibyo ntishimiye cyangwa ubujurire bwanjye?

- Ohereza ibyo utishimiye kuri interineti ukoresheje Ahatangirwa ibirego na konti kuri **https://secure.Lni.wa.gov** (ugomba gufungura konti ifite ijambobanga kugira ngo ukoreshe ubu buryo). *CYANGWA*
- Ohereza ibaruwa ikubiyemo ibyo utishimiye kuri: Department of Labor & Industries, P.O. Box 44291, Olympia WA 98504-4291. *CYANGWA*
- Ohereza ubujurire bwanditse Board of Industrial Insurance Appeals (BIIA), Executive Secretary, P.O. Box 42401, Olympia WA 98504-2401, cyangwa utange ubujurire bwawe mu buryo bw'ikoranabuhanga riboneka kuri **www.BIIA.wa.gov**. (Minisiteri y'umurimo n'inganda ishobora kutabasha gukemura impungenge zawe keretse ibitegetswe na BIIA.)

Bigenda bite iyo Minisiteri yakiriye ibyo ntishimiye?

Ushinzwe ikirego cyawe asuzuma dosiye y'ikirego cyawe maze agakora muri kimwe mu bikurikira:

1. Guhindura icyemezo cyari cyafashwe. Uhabwa ibaruwa nshya cyangwa iteka rishya, cyangwa byombi, bikubiyemo icyemezo gishya.
2. Kwemeza niba icyemezo cyari cyarafashwe ari cyo. Uhabwa iteka rivuga ko icyemezo cyari cyo. Ushobora kujuririra iri teka rishya mu nyandiko bigashyikirizwa Board of Industrial Insurance Appeals (BIIA) iyo ucyumva ko utabyemera. Igihe na aderesi yoherezwaho ibaruwa y'ibyo ujuririra biba biri ku iteka.
3. Kwemeza niba hakenewe andi makuru. Uhabwa iteka risaba ko icyemezo kiba gisubitswe, ibaruwa isaba andi makuru, cyangwa byombi. Ushinzwe dosiye yawe ashobora kugusaba andi makuru, kuyasaba muganga ukuvura, cyangwa umukoresha wawe.

Icyemezo cyerekeye ibyo utishimiye gishobora gufata iminsi kuva kuri 30 kugeza kuri 60 cyangwa irenzeho hashingiwe andi makuru akenewe. Iyo udahawe igisubizo mu minsi 30 nyuma yo kohereza ibyo utishimiye, ubimenyesha ushinzwe ikirego cyawe.

Bigenda bite iyo ntagaragaje ibyo ntishimiye cyangwa kujurira, cyangwa nkabikora nyuma y'iminsi 60?

Iyo utagaragaje ibyo utishimiye cyangwa kujurira mu gihe cy'iminsi 60, icyemezo cya minisiteri kiba ari ndakuka. Bivuze ko **udashobora kugaragaza ibyo utishimiye cyangwa kujuririra icyemezo itariki yarenze.**

Niba ufite ikibazo cyangwa impungenge, ni nde nabimenyeha?

- Ushinzwe ikirego cyawe, umubaza ibibazo byerekeye ikirego cyawe. Ushinzwe ikirego cyawe afite abasemuzi bamufasha iyo uhamagaye.
- Nomero y'ubuntu ya Minisiteri, 1-800-547-8367, ibarizwaho amakuru rusange yerekeye ikirego. Iyi nomero itanga uburyo bwo kumva amakuru mu cyesipanyoro.

Ku bundi bufasha, ushobora kwifuza kubimenyesha izi serivisi zikurikira:

- Project Help kuri 1-800-255-9752. Serivisi z'ubusemuzi zishobora kuba zikenewe.
- Coordinated Legal Education, Advice and Referral (CLEAR) kuri 1-888-201-1014. Iyi serivisi itangira inama no kurangira kuri telefone abakozi bakorera amafaranga make mu mibyizi, ubusanzwe hagati ya saa 9:15 a.m. na saa 12:15 p.m. Amakuru aboneka mu cyesipanyoro.

Kubimenyesha Project Help cyangwa CLEAR ntibyangiza ibyo utishimiye cyangwa ubujurire ku cyemezo cya minisiteri. Kugira ngo ugaragaze ko utishimiye icyemezo cya minisiteri, kurikiza inzira zagaragajwe muri uru rupapuro rw'amakuru.

PUBLICATION F242-363-295 (Kinyarwanda) [04-2019]

Washington State Department of Labor & Industries
Workers' Compensation Services

Ubisabye, haboneka ubufasha butangwa mu rurimi rw'amahanga n'imiterere y'abafite ubumuga. Hamagara 1-800-547-8367. Abakoresha TDD, muhamagare 360-902-5797. Minisiteri y'umurimo n'inganda iharanira uburinganire bw'abakozi.